

Inyandiko yemera inshingano zanjye nk'Umukoresha w'Abita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe

Acknowledgement of My Responsibilities As The Employer of My Individual Providers

Mpisemo guhabwa serivisi n'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe (IP) wishyurwa na Minisiteri y'ubuzima (DSHS). Nsobanukiwe neza inshingano zanjye nk'umukoresha w'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe zirimo:

Kugenzura umwirondoro w'Abampa serivisi:

- Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha agomba gukorerwa isuzuma ry'umwirondoro rikorwa ku rwego rwa Leta ndetse n'isuzuma ry'ibikumwe rikorerwa hanze ya Leta. Nshobora guha akazi Uwita ku barwayi, Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe agahita agatangira ako kanya cyangwa ngategereza ko ibisubizo by'isuzuma ry'ibikumwe biboneka. Igihe ndamutse mpaye akazi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe mbere y'uko ibisubizo by'isuzuma ry'ibikumwe biboneka maze bikaza kugaragara ko atujuje ibisabwa, Minisiteri y'ubuzima (DSHS) ntizongera kumwishyura. Nzaba nshobora guhitamo undi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe wujuje ibisabwa.

- Ndifuzwa guha akazi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe mu gihe cy'iminsi 120 mu gihe ngitegereje ibisubizo by'isuzuma ry'ibikumwe. Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha agomba kubanza gukorerwa isuzuma ry'umwirondoro rikorwa ku rwego rwa Leta.** Isuzuma ry'umwirondoro rikorwa ku rwego rwa Leta ryibanda ku; (1) icyemezo cyerekana ko utigeze uhamwa n'icyaha gitangwa na Polisi ya Leta ya Washington, (2) inyandiko zibitswe n'Urukiko rwa Leta ya Washington na (3) amakuru yakusanyijwe avuye mu bigo byo muri Leta ya Washington.

CYANGWA

- Ndifuzwa gutegereza kugeza igihe isuzuma ry'ibikumwe rikorerwa hanze ya Leta rizarangirira mbere yo guha akazi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe.** Isuzuma rikorerwa hanze ya Leta rikubiyemo ibyemezo byerekana ko utigeze uhamwa n'ibyaha mu zindi Leta.

Izina ry'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe: _____

Kuba umukoresha:

- Ngomba gusuzuma no guha akazi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe wujuje ibisabwa;
- Ngomba guhamagara ushinzwe dosiye yanjye kugira ngo nizere neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe afite amasezerano afite agaciro;
- Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha atemerewe gukora igihe yohererejwe inyandiko na Minisiteri y'ubuzima imumenyeshya ko agomba guhagarika akazi;
- Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha atemerewe gukora igihe atacyujwe ibisabwa Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe;
- Nsobanukiwe neza ko nzakira inyandiko imenyeshya ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe atemerewe gukora. Nindamuka nemereye Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe gukora nyuma y'itariki nakiriyeho inyandiko imenyeshya, ngomba kwirengera kumwishyura;
- Ngomba kugenzura neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha yemerewe gukora muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Ngomba kuzaza kandi nkabika ifishi ya I-9. Nshobora gusura urubuga rwa [Homeland Security USCIS I-9 Web Site](http://www.hcr.wa.gov/) cyangwa ngahamagara 1-888-464-4218 igihe nkeneye andi makuru;
- Nsobanukiwe neza nshobora kumenyeshya Serivisi ishinzwe guhuza abakiriya n'abatanga ubufasha (HCRR) igihe nkeneye uwamfasha gushaka Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe. Iyi serivisi iboneka mu turere hafi ya twose two muri Leta. Nshobora guhamagara Serivisi ishinzwe guhuza abakiriya n'abatanga ubufasha (HCRR) kuri 1-800-970-5456. Nshobora kumenyeshya Serivisi ishinzwe guhuza abakiriya n'abatanga ubufasha (HCRR) kuri interineti nyuze ku rubuga rwa: <http://www.hcr.wa.gov/>

Kugena gahunda y'akazi y'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha:

- Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha **adashobora** gukora amasaha arenze ay'akazi yagenewe mu cyumweru atabanje kubyemererwa na Minisiteri y'ubuzima;
- Nsobanukiwe neza ko Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha afite amasaha y'akazi yagenwe mu cyumweru adahinduka. Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha ntashobora kurenza amasaha yagenwe n'ubwo yaba akorera abandi bantu batari nyewe gusa;
- Ngomba gukora ku buryo Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha adakora amasaha arenze ay'akazi yagenewe mu cyumweru kandi ntanarenze amasaha ya serivisi nagenewe mu kwezi;
- Ngomba gushaka undi utanga serivisi zo kwita ku bantu kugira ngo azimpe igihe mukeneye;
- Bishobora kuba ngombwa ko nshaka abandi batanga serivisi zo kwita ku bantu kugira ngo bazimpe igihe nzikeneye ndetse bakore n'amasaha y'ikirenga;
- Ngomba gukora ku buryo Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha asobanukirwe gahunda yanjye ya serivisi zo kwitabwaho, ayikurikiza kandi akubahiriza gahunda nifuzwa;

- Ngenzura akazi k'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha. N'ubwo Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha akorana na Minisiteri y'ubuzima, iyi Minisiteri ntabwo imugenzura.

Gutanga uturindantoki:

- Ngomba guha Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha uturindantoki igihe agiye gukora imirimo yo kunyitaho imusaba gukoresha intoki kandi akaba adukeneye;
- Nshobora guhabwa uturindantoki 200 buri kwezi mu rwego rw'ubwishingizi bwa Apple Health (Medicaid) ngenerwa. Nshobora kubona uturenze utwo igihe ari ngombwa mu rwego rwa serivisi z'ubuzima.
- Igihe mpabwa serivisi mu rwego rw'ubwishingizi bwa Apple Health (Medicaid), nshobora guhamagara umwishingizi w'ubuzima wanjye cyangwa umuganga wanjye kugira ngo bantimirize uturindantoki cyangwa ngasura urubura rwa <https://www.hca.wa.gov/assets/billers-and-providers/13-010.pdf>
- Igihe mfite ubwishingizi bwa Apple Health budafite aho buhuriye na serivisi zo kwitabwaho, nshobora:
 - Guhamagara utanga ibikoresha by'ubuvuzi ugaragara ku rutonde ruri ku rubuga rw'lkigo gishinzwe serivisi z'ubuzima kuri: https://www.hca.wa.gov/assets/billers-and-providers/ffs_providers_non_sterile_gloves.pdf cyangwa
 - Guhamagara umuganga wanjye cyangwa
 - Guhamagara Ishami ritanga ubufasha bujyanye n'ubuvuzi kuri 1-800-562-3022. Iyi numero iri inyuma ku Ikarita yo kwivurizaho y'ubururu. Ku bijyanye n'andi makuru yerekeranye n'uko wabona uturindantoki, sura urubuga rw'lkigo gishinzwe serivisi z'ubuzima kuri <http://www.hca.wa.gov/medicaid/dme/Pages/default.aspx>.

Inshingano zijyanye n'imisoro n'imisanzu:

- Nsobanukiwe neza ko Minisiteri y'ubuzima idafite inshingano zo gufatira cyangwa kwishyurira Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha umusoro ku musaruro keretse igihe yabiyisabye;
- Minisiteri y'ubuzima ifite inshingano zo gufatira no kwishyura Ubwizigame n'Imisanzu y'ubwishingizi bw'ubuzima (FICA);
- Minisiteri y'ubuzima ifite inshingano zo gufatira no kwishyura imisoro y'abashomeri itangwa ku rwego rw'igihugu na Leta (FUTA/SUTA) keretse igihe Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe ari umubyeyi wanjye cyangwa umwana wanjye ufite hagati y'imyaka 18 na 21.
- Ngomba guha ibigo by'igihugu n'ibya Leta bishinzwe imisoro raporo ijyanye n'imisanzu itangwa mu rwego rwa Serivisi zo kwita ku bantu mpabwa igihe:
 - Mpabwa serivisi mu rwego rwa serivisi zitangirwa mu rugo n'izihabwa abaturage cyangwa urw'lkigo cyita ku bashesha akanguhe (AAA) cyo muri Leta ntuyemo kandi
 - Nkoresha Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe kandi
 - Ntanga umusanzu usabwa mu rwego rwa serivisi zo kwita ku bantu.
 - Ku bijyanye n'amakuru yerekeye imosoro, hamagara lkigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro kuri 1-800-829-1040 cyangwa Minisiteri ya Leta ya Washington inshizwe kurengera inyungu z'abakozi kuri 1-888-836-1900.

Kumenyesha Minisiteri y'ubuzima:

- Nzamenyesha Ushinzwe dosiye yanjye igihe:
 - Ngize ikibazo icyo ari cyo cyose kijyanye na gahunda ya serivisi zo kwitabwaho cyangwa kijyanye n'ubuziranenge bwa serivisi zo kwitabwaho mpabwa n'Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha;
 - Ntari guhabwa serivisi Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha ahemberwa;
 - Ntari guhabwa serivisi ngenewe mu rwego rwa gahunda ya serivisi zo kwitabwaho;
 - Nifuza guhindura cyangwa gushaka undi umpa serivisi;
 - Nkeneye ubufasha mu guha akazi cyangwa gucunga Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe cyangwa
 - Nifuza kugenera Uwita ku barwayi, abafite ubumuga n'abashesha akanguhe nkoresha amasaha arenze ay'akazi yagenewe mu cyumweru.

Nsobanukiwe neza kandi ko mfite uburenganzira bwo kujurira igihe Minisiteri y'ubuzima y'ubuzima yanze ko nihitiramo umpa serivisi.

UMUKONO W'UMUKIRIYA / UMUHAGARARIYE MU RWEGO RW'AMATEGEKO

ITARIKI

NOMERO IRANGA UMUKIRIYA

IZINA RY'UMUKIRIYA / UMUHAGARARIYE MU RWEGO RW'AMATEGEKO MU NYUGUTI NKURU